



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KW'UGUSHYINGO 2016

10 Ukuboza 2016

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UGUSHYINGO 2016

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2016. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,4% mu kwezi gushize kw'Ugushyingo 2016 ugereranyije n'Ugushyingo 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 7,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 6,4% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 13,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 1,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 7,5%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2016 n'Ugushyingo 2015, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamatseho 5,0%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2016) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) ibiciro byazamatseho 0,1%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 1,5%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kw'Ugushyingo 2016 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 10,6% ugereranyije n'Ugushyingo 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 10,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 10,6% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 17,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 1,8%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2016) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) ibiciro byazamatseho 0,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 1,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 0,1% .

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kw'Ugushyingo 2016 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 9,1% ugereranyije n'Ugushyingo 2015. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) byiyongereyeho 9,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9,1% mu kwezi kw'Ugushyingo 2016 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 4,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2016) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2016) ibiciro byazamutseho 0,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,8%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2015 kugeza m'Ugushyingo 2016.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2015 kugeza m'Ugushyingo 2016 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije														
2015		2016												
		11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi		4,8	4,5	4,5	4,4	4,6	4,7	4,6	5,5	6,9	6,4	5,8	7,4	6,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro		9,0	8,0	7,7	7,1	6,5	4,3	4,3	6,7	8,3	8,1	8,3	10,0	10,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda		7,5	6,8	6,6	6,1	5,8	4,4	4,4	6,3	7,8	7,5	7,4	9,1	9,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi		1,1	-0,5	-0,5	0,4	0,9	0,8	0,5	0,9	1,1	0,5	0,5	1,4	0,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro		0,2	-2,7	-1,5	0,8	1,9	0,6	-0,2	1,1	1,4	1,9	2,3	4,0	0,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda		0,5	-2,0	-1,2	0,7	1,6	0,7	0,0	1,0	1,3	1,4	1,7	3,1	0,5
<i>Isoko: Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>														

Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR;
yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR;
sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader,
NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw